REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO Y'UMUCO

ITANGAZO RY'AMARUSHANWA Y'UBUSIZI

Ku wa 21 Werurwe 2021 u Rwanda ruzizihiza Umunsi w'Ubusizi. Uyu mwaka ukaba uzizihizwa ku nshuro ya 21 ku rwego rw'isi. Washyizweho n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco (UNESCO) mu mwanzuro nº 30 C/62 w'Inama Rusange yaryo yo mu Gushyingo 1999.

Mu rwego rwo kwizihiza uyu Munsi wahariwe Ubusizi no kwimakaza umurage w'Abanyarwanda ubitsemo, Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco ibinyujije mu Nteko y'Umuco ku bufatanye kandi na Minisiteri y'Uburezi binyuze muri Komisiyo y'Igihugu Ikorana na UNESCO/CNRU yateganyije gushimira binyuze mu irushanwa abasizi n'abatahira bazaba bahize abandi. Ibi bikaba biri mu nshingano z'Inteko y'Umuco yo kugira uruhare mu iterambere ry'ubuhanzi, ubuvanganzo n'ubugeni bishingiye ku muco. Insanganyamatsiko y'uwo Munsi w'Ubusizi yatoranyijwe uyu mwaka igira iti: "**Twimakaze ubusizi bubungabunga umurage wacu"**.

IBIZAGENDERWAHO:

a) Kuba ari Umunyarwanda;

b) Umuvugo/igisigo n'izina ry'inka bigomba kuba ari umwimerere w'umuhanzi atari ugusubiramo iby'abandi;

c) Umuvugo/igisigo n'izina ry'inka bigomba kuba bikoresha Ikinyarwanda kinoze kandi cyuje ikeshamvugo;

d) Umuhanzi agomba kuba asiga ku giti cye, ariko yemerewe abamwakira bibaye ngombwa.

Digitally signed by RCHA (Director General)
Date: 2021.03.03 09:11:13 +02'00'

e) Umuvugo/igisigo bigomba kuba byibanda ku ruhare rw'abasizi mu bukangurambaga bwo kwirinda/kurwanya icyorezo cya Covid-19. Abatahira bo ntibarebwa n'iyi ngingo.

f) Uburebure bw'umuvugo/igisigo cyangwa izina ry'inka bugomba kuba butari munsi y'iminota 5 kandi butarengeje iminota 10.

g) Kuba umuvugo/igisigo n'izina ry'inka bitarigeze bijyanwa mu yandi marushanwa cyangwa ngo bibe byarahimbwe bisabwe cyangwa bitewe inkunga n'urwego runaka.

INGENGABIHE N'UBURYO BWO KOHEREZA IBIHANGANO:

Imivugo/ibisigo n'amazina y'inka mu majwi cyangwa mu majwi n'amashusho bizohererezwa INTEKO Y'UMUCO na Komisiyo y'Igihugu Ikorana na UNESCO/CNRU **bitarenze ku wa 10 Werurwe 2021** mu buryo bw'ikoranabuhanga hatangwa umurongo "*link*" (Youtube, Sound Cloud,…) w'igihangano kimwe (1) kuri aderesi zikurikira: **rchacompetition@gmail.com**, **info@unesco.rw**. Hagomba kandi koherezwa inyandiko ya buri gihangano n'umwirondoro mugufi (CV) wa nyiracyo.

ISHIMWE:

Hazashimirwa 3 ba mbere mu busizi na batatu ba mbere mu batahira. Ishimwe rigenwe mu buryo bukurikira:

Uwa mbere: 300.000 FRW n'igikombe

Uwa kabiri: 200.000 FRW

Uwa gatatu: 100.000 FRW

Bikorewe i Huye, ku wa 01 Werurwe 2021

Digitally signed by
RCHA (Director General)
Date: 2021.03.03
09:11:52 +02'00'

Amb. MASOZERA Robert

Intebe y'Inteko